

Christine Nyakamwe

Tel: 0788517454

Email: christinehoza@yahoo.com

Site: www.umuhoza.org

KWIZERA GUSHINGIYE KU RUKUNDO DUKUNDA IMANA NI WO MUSINGI WO KUBABARIRA

Ntangiye mbashimira ku bwitange bwanyu bwa buri gihe mwitangira gutega amatwi ubutumwa bwiza bw'Umwami wacu Yesu-kristo. Uno muni Umwami Yesu yasubiriye kungirira ubuntu kandi namwe n'uko ko yabatekerejeho akamenya Ijambo dukeneye muri ino muni y'icyunamo, kugirango tubashe kuyinyuramo dukomeye.

Insanganyamatsiko y'ikiganiro cy'uno muni ni : Ukwizera gushingiye ku rukundo dukunda Imana, ni wo musingi wo kubabarira. Iyi nsanganyamatsiko ni yo Imana yashize ku mutima ku bwo ubutumwa yampaye kubagezaho guryo nanjye, ngire icyo ntwerera Abanyarwanda kugirango tubashe kunyura muri bino bihe by'icyunamo turi kumwe n'Imana noneho ibashe kudukomeza no kuduha umutima wo kubasha kubabarira ku bahemukiwe , ndetse n'uwo kubasha gusaba imbabazi ku bahemutse.

Turaza kuganira kuri ino nsanganyamatsiko nifashisha ubutumwa Imana yampaye ngo nje mugeza ku banyarwanda mu gihe nk'iki cy'icyunamo kugirango tuje twibuka ko Imana idukunda itadutaye nk'uko hari bamwe ariko babitekereza. Imana ni umubyeyi wacu. Ababarana na twe mu bihe by'amakuba, akanezeranywa natwe mu bihe by'umunezero. Imana itwitayeho mu bihe byose, ntidukuraho amaso, ntabwo yigeze idutwererana. Iyo iza kudukuraho amaso, umututsi muri runo Rwanda aba yarazimanganye nk'uko gahunda z'abakoze

genocide yari imeze. Ariko harabarokotse, kandi buri wese warokotse ni mu buryo bw'ibitangaza, ni Imana yo yonyene yakinze ukuboko kwe. Narwo ni urukundo rw'Imana tutagomba kwiyo bagiza ngo duheranwe n'agahinda, n'ubu Imana iracadukunda, idufitiye urukundo ruhoraho. Uko yabarokoye ni ko izakomeza kubana namwe kugirango ikomeze kubatabara. Ukuboko kw'Imana ntikwabaye kugufi kugirango kutabasha gutabara, ahubwo ikibazo abantu benshi bafite, ni uko bagiye kure y'Imana. Harageze ko twiyegereza Imana ikaturengera.

Tugeze mu gihe gikomeye cy'ingarukamwaka cy'icyunamo aho twibuka abapfuye bazize genocide yakorewe abatutsi muri 1994. Imyaka 20 irashize ariko hari benshi batarabasha gukira inguma zo mu mitima yabo batewe n'imibabaro y'indengakamere batewe na Genocide. Birumvikana, ntabwo byoroshe kwakirana umutima ukomeye gutakaza abawe n'ibyawwe byose muri buriya buryo. Ariko na none, tugomba gufashanya kubivamo duhumurizanya kandi tubwirana amagambo adukomeza, amagambo yururutsa imitima. Mu by'ukuri, nta kindi nje kubabwira atari ukubakangurira kwikomereza ku Mana, kugirango Imana ivure imitima yacu, iyikomereze muri yo mu kudasubizamo icyizere muri yo no mu buzima bw'ejo hazaza.

Ijambo riri muri Yesaya 26 : 3 rirabwira riti : ***“ Ugushikamishijeho umutima uzamurinda aho amahoro aho, kuko akwiringiye. Muje mwiringira Umwami Yehova iminsi yose, kuko Umwami Yehova nyine ari we Rutare rukoraho iteka ryose.”***

Iri Jambo ritugaragariza ko ushikamishije umutima ku Mana ni we uba uyiringiye, ni we uba uyifitiye icyizere, ni we uba yizewe Imana. Ijambo rikadusaba kwiringira Imana kuko ni yo ihoraho iteka ryose, kandi ni yo itanga amahoro. Iyo umuntu yiringiye mu bishira, birashira agashirana na byo. Abiringiye ubutunzi barahomba bakababara cyane, hariho n'abiyahura. Abiringiye mu bana b'abantu, barapfa, bagata imitwe. Dufashe urugero ku bagore. Abagore bapfakara bari barafashe abagabo babo nk'ibigirwamana byabo, bumva ko abagabo babo aribo babagize, ko batahari batabasha kwibeshaho bo n'abana babo ; abagore nk'abo bata imitwe bakishora mu busambanyi no mu businzi. N'abarokotse genocide bamwe ku bwo kwiheba ni ko babaye. Ariko ntabwo aricyo gisubizo cy'ibibazo, kuko gushakira

ibisubizo n’uburuhukiro bw’imitima yacu mu biyobyabwenge twibwira ngo byatwibagiza ni ukwibesha. Twibagirwa akanya gato, byatuvaho tugasubira ha handi, ahubwo bikaba bibi kurusha. N’amafranga twari gukoresha mu guteza imbere ingo zacu agaherera mu biyobyabwenge, noneho ibibazo bigakomera kurusha uko byari biri, bikadutera kwiheba kurusha.

Muri Yesu ni ho honyene tubonera uburuhukiro burambye, igihe cyose tumusanze, tukamwakira, tukamwemerera kugenga ubuzima bwacu, noneho, tukamwikoreza imibabaro yacu yose. Mu butumwa yampaye buduhamagarira kwizera, Umwami Yesu yaratubwiye ati : **“ Umwana wanjye wese namuhaye umusalaba we, ariko, ni ku giti cyawe kuwuvana ku rutugu rwawe no kuworosha wiringira muri njyewe buri munsu”**. Muri Matayo 11 : 28, Umwami Yesu yaratubwiye ati : **“Mwese abarushye n’abaremerewe, nimuze munsange ndabaruhura, mwemere kuba abagaragu banjye munyigireho kuko ndi umurwaneza kandi noroheje mu mutima, namwe muzabona uburuhukiro mu mitima yanyu. ”**

Aya magambo ni ayo kwizerwa. Nihereyeho, Yesu yanduhuye imvune nyinshi harimo no gusharira kwo mu mutima ku bwo ibyabaye muri genocide, nsanze umuryango w’umugabo wanjye wose warazimanganye, ngasanga abantu biciwe mu masengero, numvise nshaririye mu mutima, numva nanze abahutu, mpagarika gusenga, iby’Imana bimvamo, numva mu bitekerezaho byanjye ata kindi twakora atari ukwihora. Ariko maze kwakira Yesu nk’Umwami n’umutware wanjye nkamurekurira umutima wanjye akawuturamo ku bwo kumuhoza mu bitekarezo byanjye, uwo mutima mubi w’inzika, inzangano n’amacakubiri, sinamenye uburyo wamvuyemo. Mwisomere ubuhamya nanditse mu gitabo nise ngo : **“Yesu yaranyiyeretse ”**, ni ho mwamenya neza uko byagenze, kandi namwe byabafasha.

Tugarutse kuri rya Jambo twasoma kare, gushikamisha umutima wacu ku Mana, ni uguhoza Imana mu mutima wawe. Ni ukuvuga ko uhora uyitekerezaho yo n’Ijambo ryayo ari we Yesu aho uri hose. Ugahora umunota ku wundi, isegonda ku yindi, uvuganira n’Imana mu mutima wawe. Ni ko kuba maso mu buryo bw’Umwuka, ni ko gukanguka. Umutima w’umuntu, ndashaka ko mukomeza

kwibuka ko ari icyicyaro cy'ibitekerezo byacu. Guhoza Imana mu bitekerezo byacu, ni ko kuyishikamishaho imitima yacu. Imana icya iza igafata icyiyaro mu mitima yacu, ikaturinda ko Satani aza kudufata mu bitekerezo, mu kutwongorera amagambo ye y'uburyarya yo kuduca intege no kutubwira ko byose birangiye nta ejo hazaza heza tugishobora kubona.

Ijambo ry'Imana rirongera rikatubwira riti : ***Bene Data, mwirinde, hatagira uwo muri mwe ugira umutima mubi utizera umutera kwimura Imana Ihoraho.***

Ijambo rya mbere, ryatubwiye ko ushikamishije umutima we ku Mana, ni we uyiringira, ni we uyizeye. Iri naryo ryemeje ibyo irya mbere ryatubwiye ko kutizera ko ari ukwimura Imana ihoraho. Ni ukuyimura mu buturo bwayo ari yo mitima yacu. Ni ukuyikura mu bitekerezo byacu ukabihindukiriza ku bindi bintu cyangwa ku bandi bantu.

Mu by'ukuri, icyo wimitse mu mutima wawe, ukagihozaho ibitekerezo byawe ni cyo uba ukunda kurusha ibindi. Ni cyo uba warashize imbere mu buzima bwawe. Nageze naho mvuga ko ari cyo uba waragize intego y'ubuzima bwawe. Ku bwo kugihaza mu bitekerezo byawe , ni cyo gisigara kikuyobora, ni cyo gisigara kigutegeka. Abashaka gusobanukirwa kurusha n'iri hame rigenga ubuzima bwacu, mwisomere cya gitabo nandika kivuga ngo : Dukizwa n'Ubuntu bw'Imana.

Tugarutse ku Mana, umuntu ukunda Imana kuruta byose nk'uko Yesu yabitegetse ngo dukundishe Imana ubwenge bwacu bwose, n'ubugingo bwacu bwose, n'imbaraga zacu zose (Matayo 22 : 37-38), Ni ukuvuga ko ari yo yonyene tugomba gushikamishaho umutima, tukaba ari yo duhoza mu bitekerezo byacu. Aho ni ho tuzaba twizeye Imana nk'uko Ijambo riri muri Yesaya 26 : 3 rimaze kubitubwira. Aha rero twakwemeza tudashidikanya ko umuntu yizera uwo akunda, kandi uwo akunda ni uwo yimitse mu mutima we.

Igikuru mbona muri bino bihe ndetse no mu bihe bindi byose byo kubaho kwacu, ni uko dukunda Imana kuruta byose na bese nk'uko Yesu yabidutegetse kugirango abe ari we uba mu mitima yacu kugirango ayikomeze kandi ayirinde uburiganya bwa Satani bwo kuduhoza mu mibabaro . Ijambo ry'Imana riri muri Yereimiya 4 : 3-4, riratubwira riti : Mwikebere Uwiteka kandi mukebeho ibikoba bitwikira

imitima yanyu “. Tugomba gukora ku buryo Imana iba ari yo itwikira imitima yacu kugirango iyirinde gutwikirwa n’agahinda.

Kugirango ihorane natwe, itwikire imitima yacu, tugomba kuyikunda kurusha byose ikaba ari yo ihora mu bitekerezo byacu, ibindi byose twari twarimitse muri twe, tukabyimura mu kudasubira gukomeza kubitekerezaho.

Nyamara, icyo tugomba kumenya ni uko ntawakunda uwo atazi. Tugomba rero kugira ishaka ryo kumenya Imana tukayishakana umwete kugeza aho tuyibona.

Mu Kuva 33 : 18- 23 Mose yasabye Imana kumwereka ubwiza bwe burabagirana, noneho, Imana iramwishura iti : “ Ntiwareba mu maso hanjye kuko umuntu atandeba mu mason go abeho. Kandi Uwiteka ati hariho ahantu bugufi bwanjye, nawe uzakahagarare ku rutare , kandi ubwiza bwanjye bukikunyuraho, nzagushira mu busate bw’igitare ngutwikirize ikiganza cyanjye ngeze aho marira kunyuraho, maze ngutwikurureho ikiganza cyanjye urebe mu mugongo hanjye, ariko mu maso hanjye ntihaboneka.”

Uwiteka yabwiye Mose ngo kugirango amubone, ahagarare ku Rutare, ni ho bugufi bw’Imana. Kandi urutare ni Yesu, kandi Yesu ni Ijambo ry’Imana. Ngo kandi azamunyegeza mu bisate by’urutare abashe kumubona. Aha, nta kindi Imana yashaka kutubwira, ni uko ushaka kuyimenya no kuyibona, ahagarare mw’Ijambo ryayo, kandi yihishe muri ryo mu gukurikiza ibyo ridutegeka byose.

Imana rero aho imenyekanira, n’aho ibonerwa ha mbere, ni mw’Ijambo ryayo. Kandi buriya, umuntu muri kamere ye, akunda umukunda. Birakenewe rero kandi ni ngombwa ko umuntu wese amenya ko Imana imikunda, kandi ko Imana ubwayo ari urukundo. Buri wese Imana yamuremye imukunze mw’ishusho yayo. Ibyanditswe byera byose, biduhishurira urukundo impuhwe n’imbabazi Imana ifitiye umwana w’umuntu uwariwe wese. Imana ntirobanura ku butoni, twese iradukunda.

Imana yadukoreye ibintu byinshi bitugaragariza urukundo idufitiye twebwe nk'abantu. Nagirango hano tunganire kuri bimwe muri byo kugirango buri wese agire ishingiro ryo gukunda na we Imana.

1. Kubona Imana yaraturemye mw'ishusho yayo, ni ibitangaza. Ni urukundo ruhebuje. Ntabwo ari abamarayika yeremye mw'ishusho yayo, bo ni abakozi be, ariko twebwe turi abana bayo.
2. Imana yaturemeye isi n'ibiyirimo byose ngo tubitegeke kandi bitubeshaho tubeho neza. Tekereza byonyene ubwoko bw'ibiryo yaturemeye uko bungana.
3. Imana yaturemeye umuryango ngo tuwuvukiremo tuwukuriremo dufite ababyeyi badukunda, abavandimwe bacu, ba Senge, ba Datawacu, ba Marume, Babyara bacu... dusangiye amaraso ngo tubane dukundana kandi dufashanya.
4. Tumaze gucumura, Imana yatwoherereje Umwana we Yesu-Kristo ngo adupfire ku musalaba, aducyungure ibyaha byacu bibabarirwe.

Ibyo ni ibintu bikomeye bitugaragarira bitwibutsa urukundo rw'Imana. Uzirinde kubyibagirwa no kubitesha agaciro, bizagukundisha Imana.

Nimwasoma cya gitabo nanditse cyitwa ngo : Agakiza ni Yesu, kizabakundisha Imana bundi busha, kuko narasobanuye cyane Urukundo Imana ifitiye abantu.

Hejuru y'ibyo Imana yadukoreye, bitugaragariza urukundo rwe, hari n'amagambo ari muri Bibiliya Imana yatubwiye, atugaragariza ko Imana ari umubyeyi, kandi ko adukunda kurusha n'abatubyaye mu buryo bw'umubiri. icyo tugomba kumenya, ni uko Bibiliya yose kuva mw'Itangiriro kugeza mu Byahishuwe, ni ubuzima bw'urukundo rw'Imana ku bantu. Ni ibaruwa ry'urukundo Imana yandikiye abantu yaremye. Kandi, gukunda gusoma Ijambo ry'Imana, ni kimwe mu byo Imana irebereho urukundo tuyikunda. Ntabwo wavuga ngo ukunda Imana udasoma ibaruwa ry'urukundo yakwandikiye ngo umenye n'ibyo agushakaho. Imana yo

ubwayo muri bwa butumwa yampaye kubagezaho yarivugiye iti : Udasoma Ijambo ryanjye, si uwanjye, simuzi.

Nagirango dusize amwe mu magambo Imana yatwandikiye atubwira uburyo Imana idukunda. Muri Yeremiya 31 : 3, Uwiteka yarambwiye ati : “ Nagukunze urukundo ruhoraho, ni cyo gituma ngukuruza ineza yanjye nkakwiyegereza”. Imana yaradukunze kuko idukunda gusa. Nta mpamvu n’imwe yari ihari kugirango Imana idukunde. Ntitunayikiranukira ngo idukundire gukiranuka kwacu, ngo yanga icyaha ariko igakomeza gukunda abagikora. Murumva urwo rukundo rudahebuje ?

Muri Yohana 3 : 16-17, Ijambo ry’Imana ritubwira riti : “Kuko Imana yakunze abari mw’isi cyane, ni cyo gituma yatanze umwana we w’ikinege kugirango umwizera wese atarimbuka ahubwo ahabwe ubugingo buhoraho. Kuko Imana itatumye Umwana wayo guciraho abari mw’isi iteka, ahubwo yabikoreye kugirango bakizwe na we “. Ibaze kugirango Umwana w’ikinege w’Imana aze muri ino si kuhabonera amakuba ku bwawe kugirango agukize urupfu, uzabane na we iteka ryose. Ibaze uburyo Imana ikwipfuzaga ari na cyo gituma igushakisha mu buryo bwose kugirango ikubone muzibanire ubuziraherezo.

Muri Yesaya 49 : 15, Uwiteka aratubwira ati : “Mbese umugore yakwibagirwa umwana yonsa, ntababarire uwo yibyariye ? icyakora, bo babasha kwibagirwa. Ariko njye sinzakwibagirwa. Dore nguciye mu biganza byanjye nkuca imanzi, kandi inkike zawe ziri i mbere yanjye iteka”. Imana idukunda kurusha uko ababyeyi b’umubiri badukunda, kurusha n’uko umubyeyi akunda umwana we yonsa. Ababyeyi babasha kwibagirwa abana babo, hari n’ababata, hari n’ababica, hari n’ababafata nabi... Ariko Imana yo yatwiremeye idukunze, ntishobora kutwibagirwa, duhora imbere yayo, iduhozaho amaso.

Muri Yesaya 43 : 1- 5 Uwiteka yabwiye Abanyisraeli, natwe uno muni ni twe Uwiteka ari kubwira, aravuze ati : Ariko noneho Uwiteka wakuremye wowe Yakobo, kandi akakubumba wowe Isiraeli aravugaga ati : “Witinye kuko nagucunguye, nahuhamagaye mu izina ryawe, uri uwanjye. Nunyura mu mazi nzaba ndi kumwe nawe, nuca no mu migezi ntizagutembana. Nunyura mu muriro ntuzashya, kandi ibirimi byawo ntibizagufata, kuko ndi Uwiteka Imana yawe,

Uwera wa Istraeli Umukiza wawe. Kuko wambereye inkoramutima kandi ukaba uwo kwubahwa nanjye nkagukunda, ni cyo kizatuma ntanga ingabo zigapfa ku bwawe, n'amahanga nkayatangirira ubugingo bwawe. Ntutinye ndi kumwe nawe.....". Imana iratwibwirira iti Witinya, ndi kumwe nawe, mu byo unyuramo byose turi kumwe kugirango ngutabare kuko ni jye muremyi wawe n'umukiza wawe. Ibyo tunyuramo byose n'ibyo twanyuzemo byose, Imana irabizi. icyo Imana idusaba ni uguhumura tukareka guhagarika imitima no mu gihe nk'iki cy'umubabaro mwinshi, kuko Data wa twese wo mw'Ijuru aratubwiye ko nta kigomba kuduhungabanya kuko ari kumwe na buri wese muri twe. Imana irusha imbaraga ibyo tunyuramo, Imana ifite imbaraga zo kutuneshereza igihe cyose tuyizeye, tukayishikamishaho imitima yacu. Yesu we ubwe nawe yaratwibwiriye ati : "Ibyo mbibabwiriye kugirango mugire amahoro muri njye, mw'isi mugira imibabaro myinshi ariko nimuhumure nanesheje isi". Yohana 16 : 33

Imana kandi ku bwo urukundo idukunda, iduha amasezerano y'ibyiza ikayaduha itubwira ibyo idushakaho kugirango tuzayabone. Ntabwo iturema inkore ku maso, itubwiza ukuri. Kugirango umuntu wese amenye ingaruka z'ibyo akora abashe guhitamo umuvumo w'Imana cyangwa umugisha w'Imana. Kandi Imana yubahiriza guhitamo kwacu kuko yaduhaye ubwenge, ntabwo turi ibikoko bikora ibisunitswe na kamere yabyo.

2 Gutegeka 28 : 1, Uwiteka aratubwira ati : Nugira umwete wo kumvira Uwiteka Imana yawe, n'uwo kwitondera amategeko yayo yose ngutegeka uyu muni, Uwiteka Imana yawe izagusumbisha amahanga yose yo mu isi, kandi iyi migisha yose izakuzaho, ikugereho niwumvira Uwiteka Imana yawe. Mushobora kwisomera kugeza kuri 14 mukibonera namwe imigisha Imana iha abayikiranukira.

Ku murongo wa 15, Imana ikavuga iti : Ariko, nutumvira Uwiteka Imana yawe, ngo witondere amategeko yayo, y'uburyo bwose ngutegeka uyu muni, iyi mivumo yose izakuzaho. Uzaba ikivume mu mudugudu.....Uwiteka azakwoherereza umuvumo, no guhagarikwa umutima no kubwirwa ibyago bizaza mu byo ugerageza gukora byose kugeza aho uzarimbukira ukamarwa vuba, aguhora ibyaha bikomeye uzaba ukoze byo kumwimura. .. Mwabyisomera byose kugeza ku murongo wa 68.

Muri Yesaya 57 : 21, Uwiteka atubwira ko nta mahoro y'abanyabyaha. Kandi Yesu nawe ubwe yaratubwiye mu Byahishuwe 3 : 19 ati : "Abo nkunda bose ndabacyaha nkabahana ibihano. Nuko rero gira umwete wihane " .

Imana rero ku bwo urukundo idukunda, ntidusheshenga, ahubwo idusezeranya ibihano, kandi iraduhana iyo twihaye kuyisuzugura no kuyigomera kugirango twihane tutazarimbuka. Urwo ni urukundo rw'Imana nyakuri rutubwiza ukuri kugirango tutirara. Imana rero iraducaha kuko idukunda, ntiyipfuza ko hari n'umwe yarimbuka. Uno munsu icyo Imana isaba abanyarwanda, ni uko abahemutse basaba imbabazi, n'abahemukiwe bakagerageza kubabarira, kugirango tube umwe, noneho Imana itwishimire ikomeze iduhundagazeho imigisha yayo.

Nariho mbahugurira gupfungura amaso yanyu kugirango mubone kandi muhoze ku mitima wanyu ibyo Imana yadukoreye, ndetse n'ibyo ikomeza kudukorera buri wese ku giti cye, mbahugurira na none kumenya kurusha Ijambo ryayo kugirango mumenye urukundo Imana ibakunda, kugirango namwe mubashe kuyikunda kurusha byose. Twavuze ko iyo umaze gukunda Imana, uyihaza mu bitekerezo byawe, ukayishikamishaho umutima, ni ko kuyizera, ni ko kuyiringira. Kuko iyo uhora uganira na yo mu bitekerezo, ugafata uwo mwanzuro, ughora ariko ugambira, ibikubabaje n'ibigushishikaje byose, ni yo ubwira, ni yo uborogera. Ni yo tugomba kwikoreza imibabaro yacu yose kugirango tube amahoro masa.

Igituma rero navuze ko ukwizera gushingiye ku rukundo ko ari wo musingi wo kubabarira, ni uko iyo uhoza Imana mu bitekerezo byawe, uyerekezaho umutima wawe, ukayihanga amaso, ukayizera, wimura muri wewe ni ukuvuga, mu mutima wawe ibindi byose na cyane cyane ibyakubabaje n'abakubabaje. Buriya impamvu bitunanira kubabarira, ibintu ibyaribyo byose, ni uko duhoza mu bitekerezo byacu abatubabaje n'ibyo badukoreye byose, bigahora ari bishya muri twe. Uko tubitekerezaho, ni ko bidukomeretsa umutima tugahorana umubabaro mwinshi. Iyo tumaze gutinda mu mubabaro, uhinduka agahinda. Noneho tugahora dutukanira mu mitima yacu, tugahorana kwitotomba mu mitima yacu, amaherezo tugasharira. Ariko iyo twabashije kureka kuguma tubitekerezaho, tugatekereza ku Mana, no ku magambo ye aturengera kandi aduhumuriza, dusanga imitima yacu

yakeye, tukababarira ata n'imbaraga tubishizemo. Uwutarabigeraho azabigerageze, azaba areba ko Imana itabimufashamo akabigeraho.

Mu Baheburayo 12 : 15, Ijambo ry'Imana riratubwira ngo : " Mwirinde, hatagira umuntu ugwa akava mu buntu bw'Imana, kandi hatagira umuzi wo gusharira umera ukabahagarika imitima abenshi bagahumana ". Kubohera imitima yacu mu gahinda, tuyihozaho ibyago n'imibabaro yacu twagize cyangwa tunyuramo, bituma dusharira tugahumana, kandi Imana ntishobora kuba mu mitima ihumanye. Iyo rero twimitse agahinda, Imana irimuka ikaduhunga. Kandi tumenye ko nta mpamvu n'imwe Imana yemera yatuma tuyimura mu mitima yacu nyimba koko tuyikunda kurusha byose na bese, ndetse tugomba kuyikunda kurusha n'abo twabuze. Kuko tutayikunze kurusha abo twabuze, ntitwabasha guhoza Imana mu bitekerezo byacu, twabihoza ku bo twabuze, tugahora mu gahinda. Iyo utabasha gushikamisha Imana mu bitekerezo byawe, biyigaragariza urukundo ruke uyifitiye , bikagaragara ko ukunda ibyo uhoza mu bitekerezo byawe n'abo uhora ushikamishijeho umutima wawe, kurusha uko ukunda Imana. Imana, ibyo ntibasha kubyihanganira kuko Imana, ni Imana ifuha. (Kuva 20 : 5)

Kwimura Imana mu mitima yacu, tukamukura mu bitekerezo byacu, ni cyo cyaha gikomeye kuruta ibindi, kuko ni yo nkomoko y'ibyaha byose. Kuko iyo Imana yatugiye kure, Satani acya aza akatwegera akadufata mu bitekerezo, agakongeza kurusha ka gahinda, agatangira no kutwemeza ko Imana itadukunda, ko iyaba yadukunda, ibyo byose ntibyari gushika, hama twebwe akatwibagiza ko kuba twarasigaye ko ari ku buntu bw'Imana. Tumenye kandi duhore tuzirikana ko umurimo Satani yiyemeje ko ari ugutandukanya Imana n'umuntu yiremeye. Twirinde rero kumurekurira ibitekerezo byacu. Ni cyo gituma umuntu utababarira atabasha kubona ijuru, aba yarimuye Imana mu mutima we akimika inzigo n'inzikira muri we.

Utababarira rero araneshwa kuko ntabasha kugera ku rugero rwo kwihangana no kwirinda. Kuko kwihangana kuzanywa no kwizera, kwirinda kukazanywa n'urukundo. Kandi ibyo byose umuntu utababarira ntabyo aba afite. Kandi ikindi twamenya ni uko Kwirinda no kwihangana, ni byo biranga abanesha.

Muri Bibiliya dusangamo ingero z’abantu bihanganiye ibigeregeze mu buryo burenze ukwemera, ni na bo bazaducira urubanza ku muni w’amateka. Babereyeho kutubera ibyitegerereze. Nitunanirwa, Imana izatubaza kubera iki bo babibashije twebwe bikatunanira kandi bari bambaye umubiri nk’uwo twambaye ?

Yobu, Satani yaramusabye ngo ageragezwe, abana be bose barapfa, amatungo ye yose, amwe aranyarwa, andi atwikwa n’umuriro uvuye mw’Ijuru. Ndetse n’abagaragu be bose barapfa. Ibyo ntibyari bihagije kuri we, noneho aterwa n’uburwayi bw’ibibyimba umubiri wose uhinduka ibisebe bisa, agahora yishimisha agasate, birangije n’umugore we amuvaho. Murumva hatarabwo muri twe bageragejwe nka Yobu, cyangwa akabarenza? . Byari byoroshe, kandi ni byo byari bisanzwe kuri we guhita yanga Imana, akigomeka, akiheba, agasharira. Ariko Yobu, yakunda Imana cyane, kandi yubaha Imana cyane, akagira ukwizera gukomeye cyane, ni cyo gituma yabashije kunesha.

Ibyo byose bikimara kumugeraho, yarasenze abwira Imana ati : “ Navuye mu nda ya mama nambaye ubusa, nzasubira mu nda y’isi nta cyo nambaye. Uwiteka ni we wabimpaye, kandi Uwiteka ni we ubintwaye. Izina ry’Uwiteka rishimwe. Muri ibyo byose Yobu ntivyigeze akora icyaha, habe no kubihereza ku Mana ngo ayirakarire. (Yobu 1 : 21- 22) Mu by’ukuri iyo tubuze ibyacu n’abacu, tumenye n’ubundi ari intizo. Imana ngo ntigaba iratiza, kandi aho ishakiye hose irisubiza ibyayo.

Ubundi, umugore we amaze kumubwira ngo n’ubu uracyakomeje gukiranuka kwawe ? Ngo wari ukwiye kwihakana Imana ukipfira. Yobu yamwishuye Ijambo ritangaje ati : Mbese ye, twahabwa ibyiza mu kuboko kw’Imana tukanga guhabwa ibibi ? Muri ibyo byose nta cyaha Yobu yacumurishije ururimi rwe. (Yobu 1 : 9- 10) . Ubundi Yobu atubwira Ijambo ryiza ritubwira ko tukiri mw’isi, tuba dufashe igihe mu ntambara. (Yobu 7 : 1) . Ubuzima bwo muri ino si tugomba kumenya ko ari intambara ihoraho. Ntabihora bigororotse kandi nta byera ngo de. Muri message Imana yampaye kubagezaho iduhamagarira kugira ukwizera kutanyeganyega, Imana yaratubwiye iti : ***“Ibigeragezo muhura na byo, bihari kugirango bikomeze kandi bipime ukwizera kwanyu. Ni nde wababwiye ko***

ubuzima buzama buryoshe ” ? Isi ni ko imeze, byose bihora bitunogeye, ntiyaba ikiri isi.

Ijambo riri muri 1Petero 1 : 6-9, rikomeza ano magambo maze kubabwira, riratubwira riti : ***” Ni cyo gituma mwishima, nubwo ahari mukwiriye kumara igihe gito mubabazwa n’ibigerageze byinshi, kugirango kwizera kwanyu kugaragare ko kurusha izahabu igiciro cinshi, kandi kugirango ukwizera kwanyu kugaragare ko ari ukw’ukuri, amaherezo kuzabahesha ishimwe n’ubwiza n’icyubahiro ubwo Yesu azahishurwa. Uwo mumukunda mutaramubona, kandi n’ubwo none mutamureba, muramwizera, ni cyo gituma mwishima ibyishimo byiza bitavugwa, kuko muhabwa Agakiza k’ubugingo bwanyu ariko ngororano yo kwizera kwanyu.***

Nuko rero, ibitugerageza ntabwo ari byo bigomba kudukura ku Mana, ahubwo bigomba kutwegereza Imana ni ho tuzaba turi abanyamahirwe. Ijambo ry’Imana ritubwira ko “Hahirwa uwihanganira ibimugerageza, kuko namara kwemerwa, azahabwa ikamba ry’ubugingo, iryo Imana yasezeranije abayikunda ”. (Yakobo 1 : 12) Kandi tumenye ko tutageragejwe, ntabwo twabasha kugera ku rugero rukwiriye rwo kwihangana ngo tuneshe. Ntawunesha urugamba atarwanye, ni cyo gituma tugomba kurwana intambara nziza yo kwihangana, naho bitoroshe mu bihe bitandukanye by’ubuzima bwacu, cyane cyane muri kino gihe cy’icyunamo ku bacitse kw’icyumu. Ariko nyene uko ibyo twihanganira biba bikomeye, ni ko imbaraga z’Imana zirushaho kodusukwaho kugirango tuneshe. Igikuru ni ukwemerera Yesu akaduturamo, tukamwambara mu mitima yacu, tukirinda kumubangikanya n’agahinda n’ibindi byose bidusubiza inyuma kuko atabangikanywa. Nitutashaka kumuharika, azaturuhura adusubize umunezero n’icyizere by’ejo hazaza.

Tugarutse kuri Yobu, mu byo yanyuzemo byose, n’ukuri, byari bimeze nk’iby’abacyitse kw’icumu ariko yikomereje ku Mana, arihangana, akomeza gukiranuka kwe, ntiyigeze ata ururimi rwe ngo atuke Imana, yakomeje gucira bugufi Imana no kuyubaha n’aho ibimubabaza byari byinshi kandi bikomeye. Yarongeye aravuga ati : “ Ni ukuri, iminywa yanjye ntizavuga ibyo gukiranirwa, n’ururimi rwanjye narwo ntiruzariganya. Kugeza ubwo nzapfa, sinzikuraho kuba

inyangamugayo. Gukiranuka kwanjye ndagukomeje ntabwo nzakureka, nta bwo umutima wanjye uzagira icyo uncinja nkiriho. Uko ni ko tugomba kumera muri ino mibabaro turimo, tugatesha agaciro ibyo Satani yagambiriye ngo akoreshe genocide, dutakaze ibyacu n’abacu bitume dutandukana n’Imana turimbuke.

Umwami wacu Yesu-Kristo na we ni urugero rwiza rukwiye kudukomeza. Buriya, Imana yarageregeje Yesu by’indengakamere. Mwese murabizi igikombe yanywereye uburyo cyashariraga, ariko yaremeye arakinywa kirarangira yihanganye. Imbere y’abicanyi, Yesu yaricecekeye, atakira Se ari we Data wa twese, arangije asabira imbabazi abamubambye abwira Se ati : Bababarire ntibazi icyo bakora. Na twe mu mibabaro yacu, twari dukwiye kubabarira abatubabaje tukabasabira n’imbabazi ku Mana, n’aho batubabaje, tukabasabira umugisha wo kwihana na bo bakazabona ijuru. Dukwiye kurenga byo byose tukababazwa n’ubugingo bwabo, kuko abatazasaba imbabazi batazababarirwa.

Stephano bariho bamutera amabuye bamuziza izina rya Yesu, yabwiye Imana ngo : “Bababarire ntibazi icyo bakora. ”

Ingero ni nyinshi, mwibuke uburyo Dawidi yababariye Sawuli yahoraga amuhiga ngo amwice. Ariko , igihe Imana yamumugabije, yanze kumwica aravuga ngo biragatsindwa kuramburira ukuboko ku muntu wasizwe amavuta n’Imana. (Mwisomere muri 1 Samweli 24)

Iki kiganiro ndiho mbagezaho uno muni, gifite insanganyamatsiko ngo : Ukwizera gushingiye ku rukundo dukunda Imana, ni wo musingi wo kubabarira, cyari kigamije kudasobanurira mu buryo burambuye ubutumwa Imana yampaye ngo mbagezeho muri kino gihe cy’icyunamo. Mu kutubwira buno butumwa mpava mbagezaho nk’uko Imana yabumbaye, Imana yashaka kuturemesha kugirango dukomeze twakirane ibyatubayeho ubutwari bwo kubirengera, kugirango dushishikare kwiubaka no kwubaka igihugu cyacu, tureke gukomeza kwiheba no guhahamuka ku batarabasha gukomeza ukwizera kwabo mu Mana ngo babashe kwihangana.

Hari umwanditsi yanditse Ijambo ryiza abwira Umwana we ati : “ Tu sera un home mon fils si tu vois l’ouvrage de ta vie se détruire et sans dire un mot te remettre à

rebatir.” Mu Kinyarwanda, uwo muntu yabwiye umuhungu we ati : “Uzaba umugabo muhungu wanjye, nubona ibyo wubatse mu buzima bwawe, bisenyutse, ugaca uva hasi ugasubira kubyubaka ata jambo uvuze. ” Natwe, tuzaba turi abantu b’intwari nituva hasi nk’abanyarwanda tugakomeza kwiubaka no kwubaka igihugu cyacu tutitotomba, tutiririra, dushikamishije imitima yacu ku Mana, twizeye ko izadushumbusha nk’uko yashumbushije Yobu, kandi no kubikora izabikora, kandi yaranatangiye, nidukomeza ukwizera kwacu izabisoza. Tubabarire abatugiriye nabi bose, kandi dusabe imbabazi z’ibyo twacumuye ku Mana n’abantu byose, tube abera imbere y’Imana, ni ho izatwishimira ikaduha umugisha.

Iri Jambo riri muri Yobu ritugire inama kandi riduhumurize. Riratubwira riti : “
lyuzuze na yo (Imana) ubone amahoro. Ubwo ni bwo ibyiza bizakuzaho.”

Iki kiganiro, nta kindi cyari kigamiye atari ukudufasha kugera ku rugero rwo kubabarira byose, kugirango uwo byananiye, cyane cyane muri bino bihe bigoye by’icyunamo, amenye uko yabyitwaramo yikomereje ku Mana. Twavuze ko ukwizera gushingiye ku rukundo dukunda Imana ko ari wo musingi wo kubabarira. Twasobanuye ko umuntu yizera, umutima we uba werekeje ku Mana, ni ukuvuga ko, Imana ihora mu bitekerezo bye. Ku bwo kuyihoza mu bitekerezo bye, ni uko ayikunda kurusha byose. Ukwo kuyihoza mu mutima we, bituma ibindi bitekerezo bibi byawubamo biwuvamo, Imana ikaba ari yo yima nk’Umwami mu mutima we, ikawuvura, ikawuha kwihangana, umunezero n’amahoro, biturutse ku kunyurwa no kwakira ukwo ari, akarengera imibabaro yose yanyuzemo .

Ibitekerezo rero turi kuvuga uno muni ni ibikomoka ku byo twanyuzemo nk’abanyarwanda, bigera mu gihe cy’icyunamo, bikatugarukamo nk’aho umenga byabaye ejo, bigatuma dusubira inyuma, ibikomere by’imitima yacu bigasubira bigapfunguka, bikatubabaza cyane, abafite imitima yoroshe kurusha abandi bagahamuka bakaja mu bitaro bakarwara bakaremba. Ibyo bitekerezo, Imana iradusaba kuyemerera kubisimbura mu mitima yacu ikadukomeza. Nzi neza ko bitoroshe kutabihozaho imitima yacu, ariko tugomba kugerageza kugirango turengere ubugingo bwacu kuko kuri benshi byarimuye Imana muri bo, umuzi wo

gusharira ubameramo, barahumana. Nyimba bishishikaye gutyo, amaherezo, yabyo, ni ukudutesha iherezo ryiza ry'ubuzima bwacu, ndetse no muri ino si, tukayibamo tutagira amahoro n'umunezero. Dupfungurire rero imitima yacu Imana nk'uko iri kubidusaba mu butumwa bwe bujanye n'icyunamo ngiye kubagezaho. Imana ni yo itanga intwari zo kunesha ari zo ukwizera n'urukundo tuboneramo ukwihangana no kwirinda. Ibi bikaba ari byo biranga abanesha.

Mu Byahishuwe 3 : 20, Umwami wacu Yesu-Kristo yaratubwiye ati : Dore mpagaze ku rugo ndakomanga. Umuntu niyumva ijwi ryanjye agakingura urugi, nzinjira iwe dusangire. Umwami wacu Yesu-Kristo, ku bwo kuba yaranesheje ino si, akanesha mu byo yageragejwe byose, kugeza aho yemeye gupfira ibyaha byacu ku musalaba, ni we wahawe ubutware mw'isi no mw'ijuru. Nitumwemerera tukamwiyegurira, tukamwakira mu mitima yacu, akaba ari we duhoza mu bitekerezaho byacu, arinjira mu mitima yacu dusangire. None se mwibaza ko dusangira iki ? Dusangira ibitekerezaho. Aratuzanira ibitekerezaho bya byiza by'urukundo, byo kwizera Imana, biduhesha kubabarira abatubabaje bese nk'uko nabisobanuye mbere, adukuremo ibitekerezaho bibi by'inzi n'inzi. Muri icyo gihe ijuru rizaba ridukingukiye.

Reka rero mbagezeho ubutumwa Imana yaduhaye muri bino bihe by'icyunamo kugirango idukomeze. Imana ntiyadutaye, iradukunda kandi itwitayeho. N'intambwe zose tugezeho twiyubakira nk'abanyarwanda, tukubakira n'igihugu cyacu inyuma y'ibyabaye twese tuzi, ni ku bw'Imana yadushigikiye kugirango tuneshe Satani yari yariziziye imitima y'abanyarwanda benshi. Tube maso, tube mu bitotsi, umwanzi ntasinziye kandi afite uburiganya bwinshi, harabwo yafashe mu bitekerezaho akabumvisha ko kubabarira ababahemukiye by'ako kageni ko bidashoboka, ahubwo bitanabaho, ko n'Imana bariya bantu itanababarira. (Kuba maso no gukanguka mu buryo bw'Umwuka, nzabisobanura ku maradiyo mu minsi iri imbere, mukomeze mutege amatwi.).

Nyamara, turindishe Imana ibitekerezaho byacu, ubugingo bwacu budatembanywa n'uburiganya bwa Satani nk'uko yaturiganije abacu n'ibyacu akoresheje abanyarwanda nka twe. Kandi abahemutse na bo, icyo nabasaba, ni ugusaba imbabazi abo mwahemukiye mubikuye ku mutima, mugasubiza no mu buryo

ibyabo mwangirije. (Muzasanga muri cya gitabo nanditse cyitwa ngo : Dukizwa n’ubuntu bw’Imana, ingene mwasaba imbabazi Imana ikabababarira) Ego ntimwashobora kuzura abo mwishe, ariko noneho hari n’abanze kwerekana aho bajugunye imirambo y’abo bishe, ngo ababo babashingure mu cyubahiro. Kuberekana, ni yo ntambwe ya mbere yo gusaba imbabazi. Ikindi, mukwiye gusubiza bene byo ibyo mwangirije n’ibyo mwasahuye. Ibyo byari bikwiye gukorwa bitarinze no kunyura mu manza kugirango mugaragaze kwicuza kwanyu. Ariko si ko bimeze, kwirangira imitima kwanyu, ni ko gutuma n’ubumwe bw’abanyarwanda butagera ku mitima, ahubwo bukaba ubwo ku rurimi gusa. Ibyaribyo byose, ubu, igisigaye ni kimwe, ni uko buri wese, mu cyicyiro arimo, yakwigira inama y’icyo yakora kugirango yiyunge n’Imana, akize ubugingo bwe. Umuntu arishaka akibona yibura agapfa. Ni igihe cy’uko buri wese yashaka ubugingo bwe akabubona, kuko uzabubura azarimbuka.

Imana itugiriye inama muri aya magambo iti :

“NTIMUGAHERANWE N’AGAHINDA SO WO MW’IJURU ARAHARI”

Igihe kiraje aho ibintu bigiye guhinduka, Sinzabivuga uko bikwiriye ariko ni igihe cyo gushakisha mu maso hanjye. Kukubona vuba ahangaha, nta mpamvu muzabona yo kuba mutampindukiriye. Haraje igihe gikomeye ku banyabyaha. Abo mvuga ni abazi ijamba ryanjye ariko ntibarigumemo. Ni igihe cyo kubabarira byose kuko nanjye mbababarira byose. Ni igihe cyo gusaba imbabazi kuko ejo ni undi muni. Mwiyeze imitima yanyu ntihasigaremo agatotsi na gatoyi. Ibikomere byanyu ntabwo bishobora kuba ibyireguzo imbere yanjye. Mubinzanire mbibavure kuko ni jye muganga wenyene uvura imitima ikomeretse. Mube ab’ukuri buri gihe, ntimugahe icyuho Satani cyo kubabohera mu gahinda n’imibabaro. Munsabe ubufasha buri igihe nzabaruhura.

Kwuzuza imitima yanyu agahinda, inzigo n’imibabaro, ntakindi bibamariye atari ukwicukurira icyobo. Munsange, nzabaha imbaraga n’ubushobozi byo kubabarira. Kandi ndabibabwiye, uwutazababarira ntazabona Ubwami bwanjye. Mu rupfu, ntimubonemo iherezo ribi riteye ubwoba. Kukubona iyo muri muri njye, ni uburuhukiro bugeza mu bugingo buhoraho. Mubeho ubuzima bwanyu mu Rukundo, mu kuri no mu kubabarira. Nimubigenza mutyo, Satani ntazigera abanesha.

Ndiho mbwira abana banjye bibaza ko ibikomere byabo byakize. Ariko nyimba bikibababaza, n’uko bitarakira. Mumpindukirire by’ukuri, ndakiza byose.

Ndiho mbwira abana banjye bahaye igice cy’umutima wabo agahinda n’umubabaro ngo baze i wanjye kugirango nsane imitima yabo, kuko muri njye honyene, ni ho haba icyizere (Espoir et Esperance). Ndi kuvugana n’imitima yoroshe, yataye icyizere cyose kuba arijye mutura imibabaro yanyu. Kuko Imitima yanyu ndayigenzura buri gihe ngasanga hariho iyuzuye inzangano. Ndabibabwiye ko ntashobora kwinjira mu mitima imeze gutyo. Ariko mu mitima imeze gutyo, bayinyeguriye, nabasha kuyikuramo urwango, nkarusimbuza urukundo. Mube abatagatifu kandi mube abere kugirango ku munsu muzapfiraho muzabe mufite amahirwe yo ku kuzicarana nanjye. Amen

Jean 4;7 , Matayo 15, Luc 6; 37-39 , Jean 13 , Abakolosayi 4; 2-6 , Luc 6, 20- 38 (uzakurikiza rino jambo, ijuru rizaba rimikinguriwe) ; Luc 6

Turagushimiye Mana ku bw’imbabazi n’urukundo udukunda, byatumye wicisha bugufi, ukaza kuvugana n’ubwoko bwawe. Amen

Mwakomeje mwumva muri kino kiganiro mbabwira dusoma ibitabo nanditse kugirango musobanukirwe kurusha. Nagirango mbarangire aho mwabibona hababera bugufi.

Muri KIGALI

Mu muji hagati :

- 1) Kuri Papeterie la Douce, na Papeterie Imprimerie Nouvelle izi zompi ziri ku muhanda unyura haruguru ya Nkuru Nziza.
- 2) Ku nyubakwa kwa Rubangura hasi ku muryango wa gatatu uvuye kuri rond point.

Nyabugogo : Kuri Agrotech mu gikari cy’inyubakwa y’amashirahamwe.

I Kacyiru : Ku rusengero rwa Ebenezer : Mwabaza Fortuné kuri 0783100980

Ku nzu kwa muzehe Polisi Denis, kuri cantine iri mu gikari. Iyo nzu iri irihande rw'Inteko ishingamye, imbere ya Ministeri y'ubutabera.

Gisimenti : Haruhande ya Alimentation yo kwa Ndori kuri KARO PHARMACIE

Kw'isoko ya Kimironko : Ucinjira mw'irembo bita iry'amafi mu buryo bwawe kwa Munyemari : 073028431

Kabuga : Muri pharmacie y'imiti y'abantu iri kuri kaburimbi bugufi bw' umuhanda umanuka mu Gahoromani. : 0785378012

I BURASIRAZUBA

Kayonza: Ukase urenganye rond point ya Kayonza werekeza I kibungo mu buryo bwawe urabona inyubakwa ya mbere y'ubucuruzi. Mu magazini y'umumaman witwa Jane ni ho ibitabo biri : Tél 0722664030, 0727442740

Kibungo : Ku magazini mu mujyi wa Kibungo kwa Maman Eric : **0788746424**
Bariza ku biro bya Stella baramuzi neza

Nyakarambi : - Kuri centre, ku magazini ya Ingabire Monika : 0788436877

- Ku rusengero rwa Assemblée de Dieu : Pasteur Ntwarane 0788541657

Mutara : Muri ADEPR mu mudugudu wa Kabeza : Mwarimu Mudaheranywa Francois : 0783393121

MU MAJYA EPFO

Muhanga : Gauchen Holly Church : Alice : 0785008250

Mu mujyi, ku magazini ya Madame Nyinawumuntu Jacqueline azwi kw'izina rya maman Kofi : 0788872465

MU BURENGERAZUBA

Kuri za paroisses ziri ku byicaro bikuru bya ADEPR, muri za bibliothèques zabo i Karongi mu mji, i Nyamasheke, i Rusizi, mu Rutsiro, i Ngororero, i Nyabihu, i Rubavu

Kuri radiyo Insangano i Rubengera, no kumangazini icyuruzwa Bibiliya n'ibindi bitabo by'iyoboka Mana aho i Rubengera

Kuri paroisse ya ADEPR i Gisovu : 0788465842

Ku Mudugudu wa Jenda wa ADEPR uri i Nyabihu : Mwabaza Tharcisse 0726284063

MU MAJARUGURU

Ku cyicaro cya Eglise Methodiste mu mujyi wa Ruhengeri : Révérend Pasteur Seti : 0788872066

Mboneyeho akaryo ko kubamenyesha ko abashaka bino bitabo kuri za Email zabo, bazimpe ndabiboherereza hamwe n'ubundi butumwa. Ikindi amatangazo nagiye ntanga ko mbafotorero inyigisho ku buntu nkaziboherereza, ibyo ntibigishoboka, izo photocopies zasimbuwe n'ibitabo. Kandi nimubyumva inyuma y'ikiganiro runaka, si ko bikimeze n'uko nzaba nashubijeho ikiganiro cya kera.

Kuri paroisse ya ADEPR mu Kinigi . Mushobora kubaza Mugemana Vincent kuri 0783131960.

Murakoze.